CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 789 55 08 48
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**GUTANGAZA URUPFU RWA PAPA FRANSISIKO**

Nyiricyubahiro Antoni Kardinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda afatanyije n'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda ababajwe no kubikira abakirisitu bose mu Rwanda urupfu rwa Papa Fransisiko, Umwepisikopi wa Roma umushumba wa Kiliziya Gatolika ku isi, watabarutse mu gitondo cy'itariki 21/04/2025, ku isaha ya saa moya n'iminota 35, i Roma mu Butaliyani.

Mu buzima bwe bwose yakoreye Nyagasani na Kiliziya, arangwa cyane no gukunda abantu bose cyane cyane abakene, intamenyekana n'abari mu kaga. Adusigiye urugero rwiza rw'umwigishwa w'ukuri wa Yezu. Turagije Roho ye urukundo n'impuhwe by'Imana.

Arasaba amaparuwasi Gatolika yose yo mu Rwanda kuvuza inzogera zimenyekanisha icyunamo. Arasaba kandi muri buri Diyosezi gushyiraho gahunda yo kumusabira kugeza ashyinguwe. Akomeje kandi abakirisitu bose n'abandi bantu b'umutima mwiza binjiye mu cyunamo kubera urupfu rwe. Turangamiye twese Kristu wazutse.

Bikorewe i Kigali ku wa 21 Mata 2025.

+Antoni Karidinali KAMBANDA

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
PRESIDENT